



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI K'UKUBOZA 2017

10 Mutarama 2018

IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI K'UKUBOZA 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi k'Ukuboza 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,7% mu kwezi gushize k'Ukuboza 2017 ugereranyije n'Ukuboza 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 2,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,7% mu kwezi k'Ukuboza ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 2,8%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2017 n'Ukuboza 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,0%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2017) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) ibiciro byagabanutseho 1,2%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,5%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize k'Ukuboza 2017 ibiciro mu byaro byagabanutseho 1,0% ugereranyije n'Ukuboza 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 1,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,0% mu kwezi k'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2017) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2017) ibiciro byagabanutseho 2,5%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 0,4%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize k'Ukuboza 2017 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 0,2% ugereranyije n' Ukuboza 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyamba 2017) byiyongereyeho 1,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,2% mu kwezi kwa cumi n'abiri 2017 ni igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 6,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2017) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyamba 2017) ibiciro byagabanutseho 1,9%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 4,7%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2016 kugeza m'Ukuboza 2017.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2016 kugeza m'Ukuboza 2017													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2016		2017										
	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	7,3	7,4	8,1	7,7	7,3	6,5	4,8	3,5	3,2	3,8	3,6	2,2	0,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	13,0	14,5	16,2	15,7	15,9	14,5	11,8	10,5	9,4	8,9	6,3	1,0	-1,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	11,0	12,0	13,4	13,0	12,9	11,7	9,4	8,1	7,2	7,1	5,3	1,6	-0,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,3	-0,4	1,1	0,6	0,4	-0,2	-0,8	-0,1	0,2	1,1	1,2	-1,2	-1,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-0,5	-0,3	2,3	1,5	0,7	-1,4	-1,2	0,1	0,9	1,9	1,5	-4,3	-2,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,2	-0,3	1,9	1,2	0,6	-1,0	-1,0	0,0	0,6	1,5	1,4	-3,0	-1,9

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR;

oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw